# GUSOBANUKIRWA IGITAMBO



Icyigisho cya 6 cyo ku wa 10 Gicurasi 2025




"Nuko baririmba indirimbo nshya bati 'Ni wowe ukwiriye kwenda igitabo no kumena ibimenyetso bigifatanije, kuko watambwe ugacungurira Imana abo mu miryango yose no mu ndimi zose, no mu moko yose no mu mahanga yose ubacunguje amaraso yawe' " Ibyahishuwe 5:9


Amatungo amagana apfa buri munsi. Umuvy w'amaraso utemba uva aho yiciwe. Icyo tuvuga ntabwo ari ibagiro ry'amatungo, cyangwa icyorezo cyateye inyamaswa kubagwa.

Turimo tuvuga Ubuturo Bwera n'Urusengero rw'Abisirayeli. Ni ibitambo byashyizweho n'Imana ubwayo. Ni iyihe mpamvu y'ibyo bintu bibabaje? Ni iyihe mpamvu y'urupfu rw'inyamaswa z'inzirakarengane?

Byose byacureraga Umukiza umwe. Buri tungo ryishwe ryerekanaga urupfu umunyabyaha waritanze yari akwiriye. Buri gitambo kibabaje cyose cyavugaga iby'urukundo rw'Uwapfuye ababazwa ku bwanjye: Yesu, Umwana w'Intama w'Imana.







**Igisobanuro cy'ibitambo :**

- Ibitambo bishimishije n'ibidashimishije.
- Ibitambo byo mu Buturo Bwera.
- Umwana w'intama wa Pasika.

**Yesu, Umwana w'Intama w'Imana :**


- Umwana w'Intama mu Rusengero.
- Umwana w'Intama mu Ijuru.

# IGISOBANURO CY'IBITAMBO




# IBITAMBO BISHIMISHIJE N'IBIDASHIMISHIJE

"'Ibitambo byanyu bitagira ingano muntambira bimaze iki?'" Ni ko Uwiteka abaza. 'Mpaze ibitambo by'amasekurume y'intama byoswa n'urugimbu rw'amatungo abyibushye, kandi sinishimira amaraso y'inka n'ay'abana b'intama cyangwa ay'amasekurume y'ihene.'"
(Yesaya 1:11)



Imana yashyizeho ibitambo by'amatungo nk'uburyo bwo kuramya. Ariko, yageze aho ivuga ko "ihāze" ibitambo nk'ibyo (Yesaya 1:11). Ariko bidatinze, iza kuvuga iti: "Ibitambo byabo byoswa n'amaturo yabo bizemerwa bitambirwe ku gicaniro cyanjye" (Yesaya 56:7). Ese ibitambo byari bishimishije Imana, cyangwa ntibyari biyishimishije?



Dushobora gusubiza iki kibazo dukoresheje uurugero rwa Kayini na Abeli. Igitambo cya Abeli cyarayishimishije, ariko icya Kayini nticyari icyo gushima (Itangiriro 4:3–5).

Ikibazo ntabwo cyari ubwiza bw'igitambo gusa. Inyifato y'ugitanze ni yo yagennye ubwiza bwacyo.

Kayini, kimwe n'Abisirayeli bo mu gihe cya Yesaya, ntabwo yifuzaga guhuza ubuzima bwe n'Imana, cyangwa ngo abone igisobanuro gikomeye cy'agakiza mu gitambo cye. Ku rundi ruhande, Abeli yemeye ko ari umunyabyaha kandi yemera Umwana w'Intama nk'incungu ye.




# IBITAMBO BYO MU BUTURO BWERA

"Ahubwo bahora bibutswa ibyaha byabo n'ibyo bitambo uko umwaka utashye. Erega ntibishoboka ko amaraso y'amapfizi n'ay'ihene akuraho ibyaha!" (Abaheburayo 10:3—4)



Igihano cy'icyaha ni urupfu (Abaroma 6:23a). Ariko se urupfu rw'itungo ni igihano cy'icyaha cyanjye? Oya! Igihano cy'icyaha CYANJYE ni urupfu RWANJYE.



None se kuki twatamba amatungo adashobora gukuraho ibyaha byacu (Abaheburayo 10:3–4)?

Aya matungo yari ahagarariye (acurera) urupfu rwa Yesu rwo kuducungura (uwacurerwaga). Kugeza igihe Yesu yapfuye kubw'ibyaha by'abari mu isi, ababajwe kandi arengana, amatungo yose yatambwe yacureraga urwo rupfu rw'incungu. Yesu yapfuye mu cyimbo CYANJYE nk'igihano cy'icyaha CYANJYE.






Kugeza ku musaraba, ibyo bitambo byari ngombwa nk'"ubuhanuzi buto buto". Ibyaha byababarirwaga kubwo kwizera Umwana w'Intama w'Imana wari kuzatambwa.

Igihe umwenda watabukaga nyuma y'urupfu rwa Yesu, ibyo bitambo ntibyari bigifite impamvu. Kuva ubwo, ibyaha byacu bibabarirwa kubwo kwizera Umwana w'Intama w'Imana wadupfiriye.

# UMWANA W'INTAMA WA PASIKA

"Nuko nimwiyezeho umusemburo wa kera kugira ngo mube irobe rishya, mube mutakirimo umusemburo wa kera koko kuko Pasika yacu yatambwe, ari we Kristo" (1 Abakorinto 5:7)




Kuri Pasika ya mbere, inkomanizo z'inzugi zasizwe amaraso y'umwana w'intama watambwe, kandi marayika murimbuzi azirengaho. Imfura zo mu nzu nk'iyo zararokotse.

Ayo maraso yashushanyaga amaraso ya Yesu (1 Petero 1:18–19). Umuhango wa Pasika yizihizwaga buri mwaka rero washushanyaga urupfu rwa Yesu (1 Abakorinto 5:7b).

| Pasika | | Yesu |
|---|---|---|
| Kuva ku ya 10 kugeza ku ya 14 y'ukwezi kwa Abibu, umwana w'intama yarazigamwaga (Kuva12:3) | ⇨ | Mu minsi nk'iyo Yesu yabwirije mu Rusengero gusa (Yohana 18:20) |
| Umwana w'intama yatambwaga ku munsi wa 14 hagati y'imigoroba yombi (Kuva 12:6) | ⇨ | Yesu yapfuye kuri uwo munsi hagati y'imigoroba yombi (Luka 23:44–46) |

Yesu ni We muntu wenyine wagize imibereho yemewe n'Imana yera. Yapfuye nta cyaha yakoze kugira ngo ninuhagirwa mu maraso Ye mpabwe gukira urupfu (Ibyahishuwe 7:14).


YESU,
UMWANA
W’INTAMA
W’IMANA


# UMWANA W'INTAMA MU RUSENGERO

"Kandi nzahindisha amahanga yose umushyitsi, n'ibyifuzwa n'amahanga yose bizaza kandi iyi nzu nzayuzuzamo ubwiza. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga" (Hagayi 2:7)

Mu gihe cyo kweza Urusengero rwa mbere, igihe Isanduku y'Isezerano yazanywemo, ubwiza bw'Imana bwuzuye Urusengero (1 Abami 8:5–10).

Nyuma yo kuva mu bunyage i Babuloni, hubatswe Urusengero rwa kabiri. Ariko nta Sanduku y'Isezerano yari irimo, kandi nta bwiza bwuzuye Urusengero igihe rwezwaga. Ibi byashavuje benshi (Hagayi 2:3).





Ariko Imana yasezeranije ko ubwiza bwayo buzuzura urwo Rusengero, kandi ikabikora ibinyujije mu muntu umwe: Uwifuzwa (Hagayi 2:7). Ni nde wari "Uwifuza"?

Yesu yiswe "Imana iri kumwe natwe" (Matayo 1:21–23). Igihe yagendaga mu rusengero yigisha, kandi agakiza indwara, ubwiza bwo kuboneka kw'Imana bwuzuye Urusengero. Igikorwa cyose cyakorewe muri rwo cyari gishingiye kuri ubwo bwiza. Rurema ubwe yari yiteguye kuba hagati muri twe… no kudupfira.



# UMWANA W'INTAMA MU IJURU

"Bavuga ijwi rirenga bati 'Umwana w'Intama watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware, n'ubutunzi n'ubwenge n'imbaraga, no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe!'" (Ibyahishuwe 5:12)

Abahanuzi batatu—Ezekiyeli, Yesaya, na Yohana—bashoboye kwitegereza intebe y'Imana mu iyerekwa. Mu gihe Ezekiyeli yarebye gusa, Yesaya na Yohana bo bagize icyo bakora ku byari aho hantu:





Babonye abamarayika bayihimbaza: "Uwera, uwera, uwera" (Yesaya 6:1–3; Ibyahishuwe 4:8)





Yesaya yumvaga adakwiriye; naho Yohana arizwa nuko nta muntu ukwiriye wabonetse (Yesaya 6:5; Ibyahishuwe 5:4)





Icyaha cya Yesaya cyakuweho; Yohana abona Umwana w'intama wishwe kubera icyaha cya Yohana (Yesaya 6:6–7; Ibyahishuwe 5:6)



Kuba tudakwiriye byongera icyubahiro cya Ntama. Mu kwicwa kwa Yesu, yerekanye ibintu bibiri:

- Ko Imana idukunda kugeza aho yitamba ubwayo kubwacu.
- Bikwiriye kutwereka uburyo turi abanyabyaha n'impezamajyo ku buryo dushobora gukizwa kubw'umusaraba gusa.

“Yesu ni ingwate yacu. ‘Nguyu Umwana w’intama w’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi.’ Kristo, We Pasika yacu, yatambwe kubwacu. Igitonyanga cyose cy’amaraso yamenwe n’igitambo cy’Abayuda cyacureraga Umwana w’intama w’Imana. Ibitambo byose byasohohorejwe muri We. Ubwo yapfiraga ku musaraba, ibishushanyo byasohorejwe mu byo byacureraga. Kubw’igitambo Cye ubwe, yatumye kurandura icyaha bishoboka. Yishyuye incungu y’ugucungurwa kwacu. Twaguzwe igiciro cyinshi; kandi Kristo araduhamagarira kumwemerera akikorera ibyaha byacu, maze akatubaraho gukiranuka Kwe.”

**E.G. White, *The Review and Herald (Urwibutso n’Integuza)*, July 19, 1898**